

**AMATEGEKO AGENGA ISHURI RYISUMBUYE RYA MUTAGATIFU VINSENTI MUHOZA**

**(REGLEMENT D'ORDRE INTERIEUR).**

**ZIMWE MU NDANGAGACIRO UMUNYESHURI AGOMBA GUSHYIRA IMBERE**

Urukundo	Ubunyangamugayo	Gukunda	ukuri
Ubutwari			
Gukunda umurimo		Kugira inyurabwenge	
Kugira amatwara mazima			
Ukwitsinda no kwigomwa		Ubupfura	
		Ubudahemuka	
Kwiyumanganya			
Ubwizige			
Umurava n'ibakwe		Kwiyubaha no kubaha abandi	
		Kurangwa n'umurava	
Urugwiro n'ubugwaneza (gusabana)		Kwigiramo ubumuntu	
Guha igihe agaciro kacyo			
		Ubwitange (kudakorera ku jisho)	
Kwirinda kuba bankurikirizindi na nyamuja iyo bijya			
		Kwiyakira no kwakira abandi	
		Kugira ishyaka	

**ZIMWE MU NGESO ZIBANGAMIRA UBURERE NDANGAGACIRO**

Amacakubiri  
Ubwikanyize  
Kurema udutsiko tw'ubwironde  
Ubwibone  
Kuba nyamwigendaho  
Ubugome  
Gukora amanyanga  
Irari,kwikubira no kutanyurwa  
Kwigomeka....

Iyi si turimo irihuta cyane, ikungahaye ku bibazo kandi hari icyo tugomba kumarira abayirimo. Mu Ishuri ryacu dutanga ubumenyi. Wapima uwabuhawe ugasanga hari icyo azi. Ariko umunyeshuri agomba kwiyongeraho ubumenyiringiro, ibyo azi akamenya no kubibamo akabicumacuma bikajya ku murongo. **Ubumenyi budafite umuco ni inenge.** Umwana agomba gutozwa kuberwa no kumenya kwitangira abandi kuko ari ubupfura budashyikirwa.

### **AKAMARO K'AMATEGEKO**

Amategeko abereyeho gutanga umurongo ngenderwaho muri sosiyete agakumira ibyaha bityo akarinda akaduruvayi n'akajagari.

Abereyeho kwerekana inshingano n'uburenganzira bwa buri wese: aho burangirira naho butangirira bityo nti hagire uwicwa no kutabimenya.

Abereyeho kurinda no kurengera abashobora guhohoterwa cyane cyane abatishoboye.

Amategeko yerekana imipaka cyangwa imbibi ntarengwa, ni rutangira (Garde fou).

Amategeko ni icyapa cyangwa itara ku muhanda bityo umuntu akagendera mu mayira asobanutse.

### **INZU Y'IFUNGURO**

1. Birabujijwe kwinjira mu nzu y'ifunguro ku masaha atabigenewe
2. Kubahiriza isengesho rya mbere na nyuma yo kurya ni itegeko
3. Nta winjira cyangwa ngo asohoke mu nzu y'ifunguro cyangwa gutangira imirimo yo kuyisukura mbere y'ikimenyetso kibitangira uburenganzira. Icyo kimenyetso gitangwa nyuma y'isengesho ryo gushimira
4. Nta munyeshuri ugomba kubura ku meza cyangwa kwiyiriza ubusa.

### **ISUKU**

1. Isuku ni ngombwa, haba aho ushinzwe gukora imirimo, aho urara, imyambaro yawe n'ahandi hose hagushinzwe. Nta butsiko ubwo aribwo bwose igihe cy'imirimo.
2. Birabujijwe koger ahanu uteretswe.

### **INZU BARARAMO**

1. Ntawe ugomba kuhaganirira.
2. Ntamyenda yanikwa muri iyo nzu.
3. Birabujijwe kwinjiza cyangwa gusomera ibitabo munzu bariramo.
4. Isaha yo kuryama igomba kubahirizwa.
5. Ntawemerewe kuranana n'undi.

## **UGUSOHOKA MU KIGO**

1. Umunyeshuri wasohotse agomba kubahiriza igihe cyo kugaruka kandi agasubiza uruhushya yahawe.
2. Umunyeshuri wasohotse mugihe cy'amasomo agaruka mu ishuri yitwaje urupapuro rubimuhera uburenganzira ahawe n'ushinzwe uburere n'imyifatire.
3. Mugihe hari amasuzumabumenyi yakozwe udahari wandika ibaruwa ibisabira uruhushya ku umuyobozi ushinzwe uburere n'imyifatire mugihe kitarenze iminsi ibiri (2).
4. Ugusohoka mu kigo ntaruhushya bihanishwa kwirukanwa burundu.

## **UMUTUNGO RUSANGE W' ISHURI**

1. Utaye cyanga uwangije igikoresho cy'ishuri arakiriha.
2. Uzafatwa azahanwa: ahohotera ibimera nko gushitura amababi y'ibihingwa indabo n'ibindi.

## **IBYO UMUNYESHURI AGOMBA GUTUNGA**

- ❖ Buri munyeshuri ategetswe guhorana aho ari hose Ikarita y'uburere n'imyifatire, Ikarita y'umunyeshuri n'Ikarita yo kwivurizaho kandi byose akabifata neza.

## **IMIBANIRE N'ABANDI**

1. Abanyeshuri bategetswe kuvuga igifaransa n'icyongereza ahantu hose n'igihe cyose, ndetse no mu mikino.
2. Birabujijwe kuvuga udahawe ijambo (mu ishuri, mu materaniro, mu biganiri mbwirwaruhame...)
3. Azahanwa bikomeye, umuntu wese uteza intonganya, uteza uburwanyari, amacakubiri, ubujura, ubushyogoranyi, ubushizi bw'isoni no guhuguza uko ariko kose kuko izi ngeso zibangamiye intego y'ishuri.
4. Buri wese ategetswe kubahiriza igihe aho ari hose.
5. Ntawemerewe kuzana ibitabo, ibinyamakuru biteye isoni cyangwa indi nyandiko yose yabangamira uburere n'umutekano w'ishuri. Birabujijwe kureba gahunda iteye isoni kuri internet
6. Umunyeshuri ufite igitekerezo cyubaka cyangwa ikibazo adashoboye kuvugira mu ruhamwe **akigeza k'umuyobozi w'ishuri** cyangwa akakinyuza mu **gasanduku k'ibitekerezo.**
7. Uzahagarwaho ibimenyetso by'ingengabitekerezo ya Genocide azashyikirizwa abayobozi babifite mu nshingano zabo.

## **UMWENDA W'ISHURI**

1. Azahanwa umunyeshuri utambara uniforme uko biteganwa n'ishuri aribyo ijipo, ishata (itebeje neza aho uri hose), inkweto z'umukara n'amasogisi y'umweru.
2. Birabujijwe kugenda wambarira mu nzira ugomba kwitunganya ukiri mu nzu.

## **NYUMA Y'AMASOMO**

1. Nyuma y'amasoma buri munyeshuri wese agomba kwitabira imikino, imyidagaduro, imirimo y'isuku, amateraniro y, urubyiruko n'izindi gahunda z'ishuri.
2. Buri munyeshuri yiyandikisha mu mikoro itarenze ibiri ariyo: umuryango w'urubyiruko cg uwa agisiyo gatolika, imikino n'imyidagaduro ndangamuco cyangwa ubukorikori. Buri wese yiyandikisha aho ashatse ariko akiyemeza kubahiriza gahunda no kwitanga atizigamye.

## **UKO IBIHANO BITANGWA**

### **KWIRUKANWA BURUNDU BITERWA NO:**

- Gutwita cyangwa kubyara inda itateganijwe.
- Kwiba.
- Kuba nyirabayazana w'amacakubiri ayo ariyo yose, guhungabanya umutekano w'ishuri.
- Kurenga imbago z'ishuri nta ruhushya cyangwa gutunga telefoni.
- Gutuka umurezi n'undi mukozi w'ishuri cyangwa kumusuzugura.
- Gutuka umurezi n'undi mukozi w'ishuri cyangwa guteza imvururu/imyigaragambyo.
- Gufatirwa mukabari.
- Kutagira icya kabiri cy'amanota yagenewe uburere n'imyifatire.
- Gusibanganya impapuro nk'indangamanota cyangwa ikarita y'imyifatire.

### **GUTUMWA UMUBYEYI KUGIRA NGO AMUKOSORE:**

- Kudatunga ibiranga umunyeshuri: ikarita y'ishuri, ikarita y'imyitwarire, umwenda w'ishuri n'ibindi.
- Gukererwa k'umunsi w'ishuri.
- Gusiba amasomo ntampamvu.
- Kutandika notes cyangwa kwanga gukora umukoro mwarimu yagusigiye.
- Kutubahiriza igihe cy'uruhushya wahawe.

- Kutubahiriza umutekano w'abandi kubera urusaku mu isengesho, mu nzu bararamo, mu ishuri, aho bogera no hanze mu masaha yabujijwe.
- Kwambara nabi umwambaro uranga umunyeshuri inshuro zirenze ebyiri
- Kumesha mu masaha atabigenewe ku nshuro ya kabiri.
- Kwandarika ibikoresho ku nshuro ya gatatu.
- Gutizanya imyenda, inkweto n'ibindi bikoresho by'isuku.
- Kudakora igihano umunyeshuri yahawe.
- Gutanga no kwakira amabaruwa cyangwa ikintu icyo aricyo cyose utabihawe n'ubifite mu nshingano ze.

**Umuyobozi ushinzwe imyifatire**

**AKIMANA Juliette**